REPUBLIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MUTARAMA 2022

10 Gashyantare 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2022

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 4,3% mu kwezi kwa Mutarama 2022 ugereranyije na Mutarama 2021.Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 1,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4,3% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibijyanye n'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,5%, iby'ibijyanye n'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,6%, n'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 4,7%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2022 na Mutarama 2021, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 4,6%.

Wagereranya ukwezi kwa mbere (Mutarama 2022) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2021), ibiciro byiyongereyeho 2,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 0,8%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Mutarama 2022, ibiciro mu byaro byagabanutseho 0,8% ugereranyije na Mutarama 2021. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -4,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,8% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 5,8%.

Ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2022) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2021) ibiciro byiyongereyeho 2,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa

bidasembuye byiyongereyeho 4,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 1,6%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Mutarama 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 1,3% ugereranyije na Mutarama 2021. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongereyeho 1,3% mu kwezi kwa Mutarama 2022 ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,1% n'ibiciro by'ibikoresho byo munzu, isuku no gusana byiyongereyeho 12%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2022) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2021) ibiciro byiyongereyeho 2,5%. Iri zamukanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 1,2%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2021 kugeza muri Mutarama 2022.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2021 kugeza muri Mutarama 2022**

***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | **2021** | | | | | | | | | | | | **2022** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 2,8 | 1,6 | 2,0 | 2,4 | -0,1 | -0,2 | -0,4 | -0,6 | -0,9 | 0,6 | 1,0 | 1,9 | 4,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 4,0 | 2,7 | 1,5 | 3,0 | 0,7 | 0,3 | -1,7 | -2,8 | -4,8 | -6,0 | -6,4 | -4,7 | -0,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 3,5 | 2,2 | 1,7 | 2,7 | 0,4 | 0,1 | -1,1 | -1,8 | -3,2 | -3,3 | -3,4 | -2,0 | 1,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,3 | 0,4 | 1,4 | 0,2 | -0,5 | -0,2 | 0,0 | 0,3 | 0,6 | 0,6 | -0,5 | 0,0 | 2,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -1,2 | 0,5 | 1,4 | -1,6 | -2,5 | 0,2 | -0,4 | 0,6 | -0,1 | -0,7 | -1,1 | 0,1 | 2,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -0,8 | 0,5 | 1,4 | -0,9 | -1,6 | 0,0 | -0,3 | 0,5 | 0,2 | -0,1 | -0,9 | 0,1 | 2,5 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw